**ITEGEKO N° 12/2017 RYO KU WA 07/04/2017 RISHYIRAHO URWEGO RW'IGIHUGU RUSHINZWE UBUGENZACYAHA RIKANAGENA INSHINGANO, UBUBASHA, IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BYARWO**

## ISHAKIRO

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo ya 2: Ishyirwaho ry'Urwego rwihariye**

**Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo**

**Ingingo ya 4: Ibyiciro by'abagenzacyaha**

**Ingingo ya 5: Ubwigenge n'ubwisanzure**

**Ingingo ya 6: Imikoranire ya RIB n'Ubushinjacyaha Bukuru**

**Ingingo ya 7: Urwego rureberera RIB**

**Ingingo ya 8: Icyicaro cya RIB**

**UMUTWE WA II: INSHINGANO N'UBUBASHA BYA RIB**

**LAW Nº12/2017 OF 07/04/2017 ESTABLISHING THE RWANDA INVESTIGATION BUREAU AND DETERMINING ITS MISSION, POWERS, ORGANISATION AND FUNCTIONING**

## TABLE OF CONTENTS

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article 2: Establishment of a specialized organ**

**Article 3: Definitions of terms**

**Article 4: Categories of Investigators**

**Article 5: Autonomy**

**Article 6: Collaboration between RIB and the National Public Prosecution Authority**

**Article 7: Supervising authority of RIB**

**Article 8: Head Office of RIB**

**CHAPTER II: MISSION AND POWERS OF RIB**

**LOI N°12/2017 DU 07/04/2017 PORTANT CREATION DE L'OFFICE RWANDAIS D'INVESTIGATION ET DETERMINANT SES MISSIONS, SES POUVOIRS, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT**

## TABLE DES MATIERES

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

**Article 2: Création d'un organe spécialisé**

**Article 3: Définitions des termes**

**Article 4: Catégories des enquêteurs**

**Article 5: Autonomie**

**Article 6: Collaboration entre RIB et l'Organe National de Poursuites Judiciaires**

**Article 7: Autorité de tutelle de RIB**

**Article 8: Siège de RIB**

**CHAPITRE II: MISSIONS ET POUVOIRS DE RIB**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 9: Inshingano za RIB** | **Article 9: Mission of RIB** | **Article 9: Missions de RIB** |
| **Ingingo ya 10: Ububasha bwa RIB** | **Article 10: Powers of RIB** | **Article 10: Pouvoirs de RIB** |
| **UMUTWE WA III: IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BYA RIB** | **CHAPTER III: ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF RIB** | **CHAPITRE III: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE RIB** |
| **Icyiciro cya mbere: Imitunganyirize ya RIB** | **Section One: Organization of RIB** | **Section première: Organisation de RIB** |
| **Ingingo ya 11: Inzego z'Ubuyobozi za RIB** | **Article 11: Management Organs of RIB** | **Article 11: Organes de direction de RIB** |
| **Akiciro ka mbere: Inama Nkuru** | **Sub-section One: High Council** | **Sous-section première: Haut Conseil** |
| **Ingingo ya 12: Inama Nkuru** | **Article 12: High Council** | **Article 12: Haut Conseil** |
| **Ingingo ya 13: Abagize Inama Nkuru** | **Article 13: Members of the High Council** | **Article 13: Membres du Haut Conseil** |
| **Ingingo ya 14: Inshingano z'Inama Nkuru** | **Article 14: Responsibilities of the High Council** | **Article 14: Attributions du Haut Conseil** |
| **Ingingo ya 15: Inshingano za Perezida w'Inama Nkuru** | **Article 15: Duties of the Chairperson of the High Council** | **Article 15: Attributions du Président du Haut Conseil** |
| **Ingingo ya 16: Inshingano za Visi-Perezida w'Inama Nkuru** | **Article 16: Duties of the Vice Chairpersons of the High Council** | **Article 16: Attributions du Vice-Président du Haut Conseil** |
| **Ingingo ya 17: Ibigenerwa abagize Inama Nkuru** | **Article 17: Sitting allowances for members of the High Council** | **Article 17: Jetons de présence pour les membres du Haut Conseil** |
| **Ingingo ya 18: Uko abagize Inama Nkuru ya RIB bava ku mirimo yabo** | **Article 18: Grounds for loss of membership in RIB High Council** | **Article 18: Raisons de perte de la qualité de membre du Haut Conseil de RIB** |
| **Akiciro ka 2: Ubunyamabanga Bukuru** | **Sub-section 2: General Secretariat** | **Sous-section 2: Secrétariat Général** |
| **Ingingo ya 19: Abagize Ubunyamabanga Bukuru n'ishyirwaho ryabo** | **Article 19: Members of the General Secretariat and their appointment** | **Article 19: Membres du Secrétariat Général et leur nomination** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 20: Manda n'indahiro by'Umunyamabanga Mukuru n'Umunyamabanga Mukuru wungirije** | **Article 20: Term of office and oath of office of the Secretary General and Deputy Secretary General** | **Article 20: Mandat et serment du Secrétaire Général et du Secrétaire Général Adjoint** |
| **Ingingo ya 21: Inshingano z'Ubunyamabanga Bukuru** | **Article 21: Responsibilities of the General Secretariat** | **Article 21: Attributions du Secrétariat Général** |
| **Ingingo ya 22: Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru** | **Article 22: Duties of the Secretary General** | **Article 22: Attributions du Secrétaire Général** |
| **Ingingo ya 23: Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru wungirije** | **Article 23: Duties of the Deputy Secretary General** | **Article 23: Attributions du Secrétaire Général Adjoint** |
| **Ingingo ya 24: Ibigenerwa Umunyamabanga Mukuru n'Umunyamabanga Mukuru wungirije** | **Article 24: Fringe benefits for the Secretary General and Deputy Secretary General** | **Article 24: Avantages accordés au Secrétaire Général et au Secrétaire Général Adjoint** |
| **Ingingo ya 25: Kuva ku mirimo** | **Article 25: Termination of office** | **Article 25: Cessation de fonctions** |
| **Ingingo ya 26: Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo** | **Article 26: Organisational structure** | **Article 26: Structure organisationnelle** |
| **Ingingo ya 27: Sitati igenga abakozi ba RIB** | **Article 27: Statute governing the staff of RIB** | **Article 27: Statut régissant le personnel de RIB** |
| **Ingingo ya 28: Umushahara n'ibindi bigenerwa abakozi ba RIB** | **Article 28: Salaries and fringe benefits for staff members of RIB** | **Article 28: Salaires et avantages accordés aux membres du personnel de RIB** |
| **Icyiciro cya 2: Imikorere ya RIB n'imikoranire yayo n'izindi nzego** | **Section 2: Functioning of RIB and its relations with other organs** | **Section 2: Fonctionnement de RIB et ses relations avec d'autres organes** |
| **Akiciro ka mbere: Imikorere y'Inama Nkuru ya RIB** | **Subsection One: Functioning of the High Council of RIB** | **Sous-section première: Fonctionnement du Haut Conseil de RIB** |
| **Ingingo ya 29: Itumizwa n'iterana ry'inama y'Inama Nkuru** | **Article 29: Convening and holding of meetings of the High Council** | **Article 29: Convocation et tenue des réunions du Haut Conseil** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 30: Ifatwa ry'ibyemezo** | **Article 30: Decision-making** | **Article 30: Prise de décisions** |
| **Ingingo ya 31: Inyandikomvugo y'inama y'Inama Nkuru** | **Article 31: Minutes of the meeting of the High Council** | **Article 31: Procès-verbal de la réunion du Haut Conseil** |
| **Ingingo ya 32: Umwanditsi w'inama** | **Article 32: Rapporteur of the meeting** | **Article 32: Rapporteur de la réunion** |
| **Akiciro ka 2: Imikorere y'Ubunyamabanga Bukuru bwa RIB** | **Subsection 2: Functioning of the General Secretariat of RIB** | **Sous-section 2: Fonctionnement du Secrétariat Général de RIB** |
| **Ingingo ya 33: Imikorere y'Ubunyamabanga Bukuru n'uburyo burangiza inshingano zabwo** | **Article 33: Functioning of the General Secretariat and procedures for the performance of its responsibilities** | **Article 33: Fonctionnement du Secrétariat Général et modalités d'accomplissement de ses attributions** |
| **Akiciro ka 3: Imikoranire ya RIB n'izindi nzego** | **Subsection 3: Relationships between RIB and other organs** | **Sous-section 3: Relations entre RIB et autres organes** |
| **Ingingo ya 34: Imikoranire ya RIB n'izindi nzego** | **Article 34: Cooperation between RIB and other organs** | **Article 34: Coopération entre RIB et autres organes** |
| **Ingingo ya 35: Amategeko Ngengamikorere** | **Article 35: Internal rules and regulations** | **Article 35: Règlement d'ordre intérieur** |
| **UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI BYA RIB** | **CHAPTER IV: PROPERTY AND FINANCE OF RIB** | **CHAPITRE IV: PATRIMOINE ET FINANCES DE RIB** |
| **Ingingo ya 36: Umutungo wa RIB n'inkomoko yawo** | **Article 36: Property of RIB and its sources** | **Article 36: Patrimoine de RIB et ses sources** |
| **Ingingo ya 37: Ingengo y'Imari ya RIB** | **Article 37: Budget of RIB** | **Article 37: Budget de RIB** |
| **Ingingo ya 38: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo** | **Article 38: Use, management and audit of the property of RIB** | **Article 38: Utilisation, gestion et audit du patrimoine de RIB** |

| | | |
|---|---|---|
| **UMUTWE WA VI: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA** | **CHAPTER V: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE V: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES** |
| **Ingingo ya 39: Agaciro k'ibikorwa by'ubugenzacyaha byakozwe** | **Article 39: Validity of undertaken judicial police activities** | **Article 39: Validité des actes posés par la police judiciaire** |
| **Ingingo ya 40: Iyimurwa ry'abakozi n'umutungo** | **Article 40: Transfer of staff and property** | **Article 40: Transfert du personnel et du patrimoine** |
| **Ingingo ya 41: Igihe cy'inzibacyuho** | **Article 41: Transitional period** | **Article 41: Période transitoire** |
| **Ingingo ya 42: Iyubahirizwa ry'amasezerano y'ubufatanye arebana n'ubugenzacyaha** | **Article 42: Respect for judicial police cooperation agreements** | **Article 42: Respect des accords de coopération en matière de police judiciaire** |
| **Ingingo ya 43: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko** | **Article 43: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **Article 43: Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| **Ingingo ya 44: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko** | **Article 44: Repealing provision** | **Article 44: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 45: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa** | **Article 45: Commencement** | **Article 45: Entrée en vigueur** |

**ITEGEKO N° 12/2017 RYO KU WA 07/04/2017 RISHYIRAHO URWEGO RW'IGIHUGU RUSHINZWE UBUGENZACYAHA RIKANAGENA INSHINGANO, UBUBASHA, IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BYARWO**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 07 Werurwe 2017;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 112, iya 119, iya 120, iya 139, iya 142, 165 n'iya 176;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'imbonezamubano na politiki yashyiriweho umukono i New York ku wa 16 Ukuboza 1966 nk'uko yemejwe n'Itegeko-teka n° 8/75 ryo ku wa 12 Gashyantare 1975;

**LAW Nº12/2017 OF 07/04/2017 ESTABLISHING THE RWANDA INVESTIGATION BUREAU AND DETERMINING ITS MISSION, POWERS, ORGANISATION AND FUNCTIONING**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 07 March 2017;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112, 119, 120, 139, 142, 165 and 176;

Pursuant to the International Covenant on Civil and Political Rights signed at New York on 16 December 1966 as ratified by Decree-law n° 8/75 of 12 February 1975;

**LOI N°12/2017 DU 07/04/2017 PORTANT CREATION DE L'OFFICE RWANDAIS D'INVESTIGATION ET DETERMINANT SES MISSIONS, SES POUVOIRS, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 07 mars 2017;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112, 119, 120, 139, 142, 165 et 176;

Vu le Pacte International relatif aux Droits Civiques et Politiques adopté à New York le 16 décembre 1966 tel que ratifié par le Décret-loi n° 8/75 du 12 février 1975;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rishyiraho Urwego rw'Igihugu rushinzwe ubugenzacyaha. Rigena kandi inshingano, ububasha, imitunganyirize n'imikorere byarwo.

**Ingingo ya 2: Ishyirwaho ry'Urwego rwihariye**

Hashyizweho Urwego rw'Igihugu rushinzwe ubugenzacyaha rwitwa "RIB" mu magambo ahinnye y'Icyongereza.

RIB ni Urwego rwihariye.

**Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko amagambo akurikira asobanuye ku buryo bukurikira:

1º **iperereza:** igikorwa cyose cyo gushaka amakuru kigamije gukumira, gushakisha ibyaha no gukusanya ibimenyetso byaba ibishinja cyangwa ibishinjura kimwe n'igikorwa kigamije gusuzuma niba ushinjwa agomba gukurikiranwa cyangwa kudakurikiranwa;

2º **umugenzacyaha w'umwuga**: umukozi wa RIB ufite inshingano yo kugenza ibyaha;

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

This Law establishes Rwanda Investigation Bureau. It also determines its mission, powers, organization and functioning.

**Article 2: Establishment of a specialized organ**

There is established Rwanda Investigation Bureau, abbreviated as "RIB".

RIB is a specialised organ.

**Article 3: Definitions of terms**

In this Law, the following terms are defined as follows:

1º **investigation:** any information gathering action intended for seeking information meant to prevent and track down crimes, gather incriminating or exculpatory evidence as well as any other activity whose purpose is to check whether or not a suspect has to be prosecuted or not;

2º **career investigator:** RIB staff member whose responsibility is to carry out criminal investigation;

**ADOPTE:**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

La présente loi porte création de l'Office Rwandais d'Investigation. Elle détermine également ses missions, ses pouvoirs, son organisation et son fonctionnement.

**Article 2: Création d'un organe spécialisé**

Il est créé un Office Rwandais d'Investigation, dénommé « RIB » en sigles anglais.

RIB est un organe spécialisé.

**Article 3: Définitions des termes**

Dans la présente loi, les termes ci-après sont définis comme suit:

1º **enquête**: toute action de recherche des renseignements visant à prévenir et à traquer les crimes, à recueillir les éléments de preuve à charge ou à décharge, ainsi que toute autre activité dont l'objet consiste à vérifier si le suspect doit être poursuivi en justice ou non;

2º **enquêteur professionnel:** agent de RIB qui est chargé de mener des enquêtes criminelles;

3º **umugenzacyaha utari uw'umwuga**: umukozi wo mu rwego rwa Leta uhabwa n'itegeko cyangwa na Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze, ububasha bw'ubugenzacyaha.

**Ingingo ya 4: Ibyiciro by'abagenzacyaha**

Abagenzacyaha bari mu byiciro bibiri (2) bikurikira:

1º abagenzacyaha b'umwuga;

2º abagenzacyaha batari ab'umwuga.

Iri tegeko rireba abagenzacyaha b'umwuga.

**Ingingo ya 5: Ubwigenge n'ubwisanzure**

RIB ifite ubwisanzure n'ubwigenge mu miyoborere no mu micungire y'imari, umutungo n'abakozi byayo.

**Ingingo ya 6: Imikoranire ya RIB n'Ubushinjacyaha Bukuru**

Mu kurangiza inshingano zayo, RIB igenzurwa kandi igahabwa amabwiriza n'Ubushinjacyaha Bukuru ku bijyanye n'ibyaha ikurikiranye.

**Ingingo ya 7: Urwego rureberera RIB**

RIB irebererwa na Minisiteri ifite Ubutabera mu nshingano zayo.

3º **non-career investigator:** civil servant upon whom criminal investigation powers are conferred by law or by the Minister in charge of justice.

**Article 4: Categories of investigators**

Investigators comprise the following two (2) categories:

1º career investigators;

2º non-career investigators.

This Law applies to career investigators.

**Article 5: Autonomy**

RIB enjoys administrative, financial and human resource management autonomy.

**Article 6: Collaboration between RIB and the National Public Prosecution Authority**

In performing its mission, RIB acts under the supervision and instruction of the National Public Prosecution Authority for criminal acts under its investigation.

**Article 7: Supervising authority of RIB**

RIB is supervised by the Ministry in charge of Justice.

3º **enquêteur non professionnel:** agent de l'Etat à qui la loi ou le Ministre ayant la justice dans ses attributions confère les pouvoirs d'enquête criminelle.

**Article 4: Catégories des enquêteurs**

Les enquêteurs comprennent deux (2) catégories suivantes:

1º enquêteurs de carrière;

2º enquêteurs qui ne sont pas de carrière.

La présente loi s'applique aux enquêteurs professionnels.

**Article 5: Autonomie**

RIB jouit d'une autonomie administrative, financière et de gestion des ressources humaines.

**Article 6: Collaboration entre RIB et l'Organe National de Poursuites Judiciaires**

Dans l'exercice de ses missions, RIB travaille sous la supervision et les instructions de l'Organe National de Poursuites Judiciaires concernant les actes criminels faisant l'objet de ses enquêtes.

**Article 7: Autorité de tutelle de RIB**

RIB est placé sous la tutelle du Ministère ayant la justice dans ses attributions.

**Ingingo ya 8: Icyicaro cya RIB**

Icyicaro cya RIB kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda.

Bibaye ngombwa, kwimura icyicaro cya RIB no gushyiraho amashami yayo ahandi hose mu gihugu byemezwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

**UMUTWE WA II: INSHINGANO N'UBUBASHA BYA RIB**

**Ingingo ya 9: Inshingano za RIB**

Inshingano za RIB ni izi zikurikira:

1º gukumira no kubuza ikorwa ry'ibyaha binyujijwe mu gushakisha no gukora iperereza ku bikorwa byose bifatika cyangwa mu ikoranabuhanga;

2º gukora iperereza rigamije gushakisha, guhagarika no kuburizamo ibyaha biri gukorwa cyangwa ibyaha bishya n'udutsiko dukora ibikorwa bihungabanya cyangwa bishobora guhungabanya igihugu, abantu n'imitungo;

3º gushaka, gusesengura, gusuzuma no kubika neza amakuru y'ibyavuye mu iperereza ndetse n'ibimenyetso by'ibyaha byakozwe cyangwa byateganywaga gukorwa;

4º gushakisha no gufata abenegihugu n'abanyamahanga bakekwaho ibyaha

**Article 8: Head Office of RIB**

The head office of RIB is located in City of Kigali, the Capital City of the Republic of Rwanda.

Where necessary, relocation of the head office of RIB and the establishment of its branches elsewhere in the country are approved by a Prime Minister's Order.

**CHAPTER II: MISSION AND POWERS OF RIB**

**Article 9: Mission of RIB**

RIB has the following mission:

1° to prevent and pre-empt criminal acts by identifying and investigating all kinds of physical or cyber-attacks;

2° to conduct an investigation intended to identify, stop and dismantle existing or emerging criminal acts and cartels whose activities threaten or may threaten the country, people and properties;

3° to gather, analyse, assess and preserve information on the findings of investigation and evidences of committed or planned criminal acts;

4° to locate and apprehend national and foreign suspects and fugitives for violations of criminal laws, in accordance with the relevant laws;

**Article 8: Siège de RIB**

Le siège de RIB est établi dans la Ville de Kigali, la Capitale de la République du Rwanda.

En cas de nécessité, le transfert du siège de RIB et la création de ses branches en tout autre lieu du territoire national sont approuvés par arrêté du Premier Ministre.

**CHAPITRE II: MISSIONS ET POUVOIRS DE RIB**

**Article 9: Missions de RIB**

RIB a les missions suivantes:

1° prévenir et anticiper les actes criminels à travers l'identification et l'enquête de toutes sortes d'attaques physiques et cyber-attaques;

2° mener une enquête pour identifier, stopper et démanteler des actes criminels existants ou nouveaux et les ententes criminelles dont les activités peuvent menacer ou menacent le pays, les personnes et les biens;

3° collecter, analyser, évaluer et conserver les informations de renseignements et de preuves d'actes criminels commis ou planifiés;

4° localiser et appréhender les suspects nationaux et étrangers et les fugitifs pour

n'abahunze kubera gukora ibyaha hakurikijwe amategeko abigenga;

5º gushyiraho no gushyira mu bikorwa ingamba zigamije kurwanya iterabwoba no gukora iperereza rijyanye na ryo mu rwego rwo kurirwanya;

6º gushyiraho no gucunga mu buryo bw'ikoranabuhanga amakuru ajyanye n'iperereza hagamijwe kugira ububiko bw'amakuru yagenderwaho mu gushyiraho politiki na porogaramu zijyanye n'ubutabera;

7º gukoresha ubuhanga bw'isesengurabimenyetso bibaye ngombwa, hagamijwe gutanga ubufasha bushingiye ku buhanga mu gukora iperereza ku byaha no gutanga ubundi bufasha bwakenerwa;

8º gushyiraho no gushyira mu bikorwa za gahunda z'imenyekanishabikorwa zigamije guteza imbere imikoranire n'isangiramakuru hagati ya RIB n'abaturage;

9º kugira uruhare mu bikorwa bihuza inzego birebana n'iyubahirizwa ry'amategeko rigamije gukemura ikibazo cy'ibyaha ku rwego rw'akarere no ku rwego mpuzamahanga;

10º kurinda umutekano w'abakorewe ibyaha n'uw'abatangabuhamya.

5° to design and implement counter terrorism initiatives and carry out investigations on terrorism in order to fight against it;

6° to establish and manage a criminal investigation information system in order to have an information database that may be based on for setting up criminal justice related policies and programs;

7° to use, where necessary, forensic analysis of criminal evidence to provide technical and scientific assistance in criminal investigations and any other assistance that may be needed;

8° to establish and implement outreach programs aiming at ensuring partnerships and information sharing between RIB and the community;

9° to participate in inter-agencies law enforcement initiatives which address crime problems at a regional and international level;

10° to ensure the security of victims and witnesses.

violation des lois pénales conformément à la législation en la matière;

5° concevoir et mettre en œuvre des initiatives de lutte contre le terrorisme et mener des enquêtes sur ce dernier afin de le combattre;

6° établir et gérer un système d'information d'investigation en vue d'avoir une base de données qui pourrait servir de base dans la mise sur pied des politiques et programmes relatifs à la justice pénale;

7° recourir, en cas de nécessité, à l'analyse médico-légale des preuves en vue de fournir une assistance technique et scientifique dans les enquêtes criminelles et toute autre assistance nécessaire;

8° établir et mettre en œuvre des programmes de sensibilisation visant d'assurer les partenariats et le partage efficace d'informations entre RIB et la communauté;

9° participer aux initiatives inter-agences qui concernent le respect de la loi et qui traitent les problèmes de la criminalité au niveau régional et international;

10° assurer la sécurité des victimes et des témoins.

**<u>Ingingo ya 10</u>: Ububasha bwa RIB**

Hakurikijwe amategeko abigenga, RIB ifite ububasha bukurikira:

1º gufata abakekwaho ibyaha no kubafunga;

2º gufunga agace k'ahantu no kutemerera abantu kukageramo cyangwa gushyira mu muhanda bariyeri, mu rwego rwo kurinda umutekano, gukumira cyangwa kugenza ibyaha;

3º gusaka umuntu, kwinjira mu nyubako cyangwa ahantu hakekwaho kuba hafitanye isano n'amakuru ashakwa hashingiwe ku ruhushya rwo gusaka. Ishobora kandi gusaka umuntu cyangwa ibintu, kwinjira mu nyubako cyangwa ahantu nta ruhushya rwo gusaka iyo hari impamvu zikurikira:

   a) impamvu zifatika zituma ikeka ko icyaha kirimo gukorwa cyangwa kigiye gukorwa;

   b) hari ibimenyetso bifatika byerekana ko mu nyubako cyangwa ahantu hari ikintu cyakoreshejwe mu gukora icyaha cyangwa gikenewe ku mpamvu z'iperereza;

   c) ibimenyetso bikomeye bigaragaza ko umuntu wakoze icyaha ari aho ahantu kandi agomba guhagarikwa.

**<u>Article 10</u>: Powers of RIB**

In accordance with relevant laws, RIB has the following powers:

1º to arrest and detain criminal suspects;

2º to cordon off and restrict access to an area or set up a roadblock for the purposes of maintaining security, preventing or detecting crimes;

3º to search a person, enter a building or premises linked to information being sought with a warrant. RIB may also search any person or property, enter a building or premises without a warrant for the following reasons:

   a) reasonable grounds for suspicion that a criminal act is being committed or is to be committed;

   b) reasonable grounds suggesting that the building or premises contain an object used in the commission of criminal act or useful for criminal investigations;

   c) reasonable evidence that the criminal suspect is in the location and has to be arrested.

**<u>Article 10</u>: Pouvoirs de RIB**

En vertu de la législation en la matière, RIB dispose des pouvoirs suivants:

1º arrêter et détenir les suspects criminels;

2º isoler une zone et y interdire l'accès ou mettre en place un barrage routier aux fins du maintien de la sécurité, de prévention ou de détection des infractions;

3º fouiller une personne, faire une perquisition d'un bâtiment ou un lieu lié à l'information recherchée avec mandat. RIB peut également fouiller une personne, faire une perquisition d'un bâtiment ou un lieu sans mandat pour des raisons suivantes:

   a) des raisons suffisantes pour soupçonner qu'un acte criminel est en train d'être commis ou est sur le point de l'être;

   b) des raisons suffisantes que le bâtiment ou le lieu contient l'objet utilisé dans la commission de l'acte criminel ou utile à la conduite d'une enquête criminelle;

   c) une preuve irréfutable que le suspect se trouve sur le lieu et qu'il doit être arrêté.

Muri icyo gihe, hakorwa inyandikomvugo y'isaka hakanakorwa raporo igaragaza impamvu iryo saka ryakozwe nta ruhushya rwo gusaka;

4º kugaruza ibintu byibwe no gufatira imitungo yakwifashishwa mu rwego rwo gukora iperereza nshinjabyaha;

5º gukurikirana itumanaho ry'abantu bakekwaho icyaha;

6º kurinda no gukusanya ibimenyetso by'icyaha no gufatira ibyakoreshejwe icyaha;

7º kwinjira mu nyubako n'ahantu hakekwaho kuba hafitanye isano n'amakuru ashakwa;

8º gutegeka umuntu gutanga amakuru no kubaza umuntu uwo ari we wese ukekwaho ko afite amakuru yafasha mu iperereza;

9º gufata ibipimo, amafoto, amajwi cyangwa amashusho cyangwa andi makuru yose iperereza ryagaragaza ko ari ngombwa;

10º gukora iperereza ndengamipaka;

11º gukoresha intwaro n'ibindi bikoresho by'umutekano bya ngombwa mu gushyira mu bikorwa inshingano zayo.

In that case, a statement for the search is prepared and a report is also made stating the grounds for search without a warrant.

4º to recover stolen objects and seize any properties that may be useful for conducting criminal investigations;

5º to carry out telecommunication surveillance;

6º to protect and gather elements of evidence of an offence and seize exhibits;

7º to enter a building and access premises that cause reasonable suspicion of being linked to information being sought;

8º to order for information and take statements from any person suspected of having information that can help an investigation;

9º to take measurements, photographs, sound or video recordings or any other type of information that an investigation shows are necessary;

10º to conduct extraterritorial investigations;

11º to use firearms and other security devices necessary to perform its mission.

Dans ce cas, il est dressé un procès-verbal de fouille et un rapport relatant les raisons de cette fouille sans mandat est établi.

4º récupérer les objets volés et saisir les biens pouvant être utiles à la conduite d'une enquête criminelle;

5º effectuer une surveillance de télécommunication;

6º protéger et collecter des preuves de l'infraction et saisir des pièces à conviction;

7º entrer dans le bâtiment et accéder au lieu soupçonnés d'être liés à l'information recherchée;

8º exiger l'information, interroger toute personne soupçonnée de détenir une information pouvant aider à une enquête;

9º prendre des mesures, photographies, enregistrements sonores ou vidéos ou tout autre type d'informations qu'une enquête estime nécessaires;

10º mener des enquêtes extraterritoriales;

11º utiliser les armes à feu et les autres outils de sécurité pour mieux remplir ses missions.

**UMUTWE WA III: IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BYA RIB**

**Icyiciro cya mbere: Imitunganyirize ya RIB**

**Ingingo ya 11: Inzego z'Ubuyobozi za RIB**

RIB igizwe n'inzego zikurikira:

1º Inama Nkuru;

2º Ubunyamabanga Bukuru.

**Akiciro ka mbere: Inama Nkuru**

**Ingingo ya 12: Inama Nkuru**

Inama Nkuru ya RIB ni rwo rwego rukuru mu byerekeye imiyoborere no gufata ibyemezo bifasha RIB kugera ku nshingano zayo.

**Ingingo ya 13: Abagize Inama Nkuru**

Inama Nkuru ya RIB igizwe n'abantu nibura barindwi (7) barimo aba bakurikira:

1º Minisitiri w'Ubutabera, Perezida wayo;

2º Umushinjacyaha Mukuru, Visi Perezida;

3º Umunyamabanga Mukuru wa RIB, ari nawe mwanditsi.

Igizwe kandi n'abandi bantu baturuka mu nzego zikurikira bagenwa n'iteka rya Perezida:

**CHAPTER III: ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF RIB**

**Section One: Organization of RIB**

**Article 11: Management Organs of RIB**

RIB is composed of:

1º High Council;

2º General Secretariat.

**Subsection One: High Council**

**Article 12: High Council**

RIB High Council is the supreme management and decision-making organ that enables RIB to fulfil its mission.

**Article 13: Members of the High Council**

RIB High Council is composed of at least seven (7) members including the following:

1º the Minister of Justice, its Chairperson;

2º the Prosecutor General, Deputy Chairperson;

3º the Secretary General of RIB, who also serves as the rapporteur.

It is also composed of other persons from the following entities determined by a Presidential Order:

**CHAPITRE III: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE RIB**

**Section première: Organisation de RIB**

**Article 11: Organes de direction de RIB**

RIB est composé du:

1º Haut Conseil;

2º Secrétariat Général.

**Sous-section première: Haut Conseil**

**Article 12: Haut Conseil**

Le Haut Conseil de RIB est l'organe suprême de direction et de prise de décisions permettant à RIB de remplir ses missions.

**Article 13: Membres du Haut Conseil**

Le Haut Conseil de RIB est composé d'au moins de sept (7) membres y compris les suivants:

1º le Ministre de la Justice, son Président;

2º le Procureur Général, Vice-Président;

3º le Secrétaire Général de RIB, qui est également rapporteur.

Il est également composé d'autres personnes provenant des entités suivantes, déterminées par arrêté présidentiel:

4º uhagarariye Urwego rw'Umuvunyi;

5º uhagarariye Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu;

6º uhagarariye Polisi y'u Rwanda;

7º uhagarariye Urugaga rw'Abavoka.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama Nkuru bagomba kuba ari abagore.

Abagize Inama Nkuru ya RIB bakora ku buryo budahoraho.

Uretse abayobozi bavugwa mu gace 1º, aka 2º n'aka 3º tw'iyi ngingo, abandi bagize Inama Nkuru ya RIB bagira manda y'imyaka itanu (5).

Iteka rya Perezida rishobora kongera umubare w'abagize Inama Nkuru.

**<u>Ingingo ya 14</u>: Inshingano z'Inama Nkuru**

Inama Nkuru ya RIB ifite inshingano zikurikira:

1º gukurikirana imikorere y'Ubunyamabanga Bukuru bwa RIB no gutanga umurongo ngenderwaho ugomba gukurikizwa n'Ubunyamabanga Bukuru mu kuzuza inshingano zayo;

4º a representative of the Office of the Ombudsman;

5º a representative of the National Commission for Human Rights;

6º a representative of the National Police;

7º a representative of the Bar Association.

At least thirty per cent (30 %) of members of the High Council must be females.

Members of RIB High Council work on a non-permanent basis.

Except members referred to under Items 1º, 2º and 3º of this Article, other members of RIB High Council serve for a term of five (5) years.

A Presidential Order may increase the number of members of the High Council.

**<u>Article 14</u>: Responsibilities of the High Council**

RIB High Council has the following responsibilities:

1º to oversee the functioning of the General Secretariat of RIB and provide strategic guidance to be followed by the General Secretariat in the fulfilment of its mandate;

4º un représentant de l'Office de l'Ombudsman;

5º un représentant de la Commission Nationale des Droits de la Personne;

6º un représentant de la Police Nationale;

7º un représentant de l'Ordre des Avocats.

Au moins trente pour cent (30%) des membres du Haut Conseil doivent être de sexe féminin.

Les membres du Haut Conseil de RIB travaillent d'une façon non permanente.

Sauf les membres visés aux points 1º, 2º et 3º du présent article, les autres membres du Haut Conseil de RIB ont un mandat de cinq (5) ans.

Un arrêté présidentiel peut augmenter le nombre des membres du Haut Conseil.

**<u>Article 14</u>: Attributions du Haut Conseil**

Le Haut Conseil de RIB a les attributions suivantes:

1º superviser le fonctionnement du Secrétariat Général de RIB et donner une orientation stratégique devant être suivie par le Secrétariat Général dans l'accomplissement de sa mission;

2º kwemeza gahunda y'ibikorwa y'igihe kirekire n'iteganyabikorwa hamwe na raporo zijyana na byo;

3º kwemeza amategeko ngengamikorere ya RIB;

4º kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya RIB no gukurikirana ikoreshwa ry'ingengo y'imari n'ishyirwa mu bikorwa ryayo;

5º kwemeza burundu ishyirwa mu myanya ry'abakozi, izamurwa mu ntera no gukura ku myanya abo ifitiye ububasha;

6º gufata ibindi byemezo bijyanye n'inshingano zayo;

7º kwemeza impano n'indagano.

**<u>Ingingo ya 15</u>: Inshingano za Perezida w'Inama Nkuru**

Perezida w'Inama Nkuru ya RIB afite inshingano zikurikira:

1º kuyobora Inama Nkuru ya RIB no guhuza ibikorwa byayo;

2º gutumiza no kuyobora inama z'Inama Nkuru ya RIB;

3º gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama Nkuru ya RIB;

2º to approve the long term strategic plan and action plan and related reports;

3º to approve the internal rules and regulations of RIB;

4º to approve the draft budget proposal of RIB and monitor its use and execution;

5º to approve definitively the appointment and promotion of staff and revoke the staff for whom it is competent to do so;

6º to make other decisions relating to its responsibilities;

7º to approve donations and bequests.

**<u>Article 15</u>: Duties of the Chairperson of the High Council**

The Chairperson of RIB High Council has the following duties:

1º to preside over RIB High Council and coordinate its activities;

2º to convene and preside over meetings of RIB High Council;

3º to follow up the implementation of decisions of RIB High Council;

2º approuver le plan stratégique à long terme et le plan d'action de RIB et les rapports y relatifs;

3º approuver le règlement d'ordre intérieur de RIB;

4º approuver l'avant-projet de budget de RIB et assurer le suivi de l'utilisation et de l'exécution du budget;

5º approuver définitivement la nomination et la promotion du personnel et révoquer le personnel pour lequel il est compétent;

6º prendre d'autres décisions en rapport avec ses attributions;

7º approuver les dons et legs.

**<u>Article 15:</u> Attributions du Président du Haut Conseil**

Le Président du Haut Conseil de RIB a les attributions suivantes:

1º présider le Haut Conseil de RIB et coordonner ses activités;

2º convoquer et présider les réunions du Haut Conseil de RIB;

3º suivre la mise en exécution des décisions du Haut Conseil de RIB;

4º gukora indi imirimo yasabwa n'Inama Nkuru ijyanye n'inshingano za RIB.

**Ingingo ya 16: Inshingano za Visi-Perezida w'Inama Nkuru**

Visi-Perezida w'Inama Nkuru ya RIB afite inshingano zikurikira:

1º kunganira Perezida;

2º gusimbura Perezida igihe adahari;

3º gukora imirimo iri mu nshingano za RIB yasabwa n'Inama Nkuru ya RIB.

**Ingingo ya 17: Ibigenerwa abagize Inama Nkuru**

Ibigenerwa abagize Inama Nkuru bitabiriye inama bigenwa n'iteka rya Perezida.

**Ingingo ya 18: Uko abagize Inama Nkuru ya RIB bava ku mirimo yabo**

Abagize Inama Nkuru ya RIB bava ku mirimo kubera imwe mu mpamvu zikurikira:

1º kutubahiriza Itegeko Nshinga n'andi mategeko;

4º to perform other duties falling within the mission of RIB as may be assigned to him/her by the High Council.

**Article 16: Duties of the Vice Chairpersons of the High Council**

The Vice Chairperson of RIB High Council has the following duties:

1º to assist the Chairperson;

2º to replace the Chairperson in case of his/her absence;

3º to perform the duties relevant to the mission of RIB as may be assigned to him/her by RIB High Council.

**Article 17: Sitting allowances for members of the High Council**

Sitting allowances for members of the High Council are determined by a Presidential Order.

**Article 18: Grounds for loss of membership in RIB High Council**

Membership in RIB High Council is lost on any of the following grounds:

1° violation of the Constitution and other laws;

4º remplir d'autres tâches relevant de la mission de RIB que peut lui confier le Haut Conseil.

**Article 16: Attributions du Vice-Président du Haut Conseil**

Le Vice-Président du Haut Conseil de RIB a les attributions suivantes:

1º assister le Président;

2º remplacer le Président en cas de son absence;

3º remplir les tâches relevant des missions de RIB que peut lui confier le Haut Conseil de RIB.

**Article 17: Jetons de présence pour les membres du Haut Conseil**

Les jetons de présence alloués aux membres du Haut Conseil sont déterminés par arrêté présidentiel.

**Article 18: Raisons de perte de la qualité de membre du Haut Conseil de RIB**

La qualité de membre du Haut Conseil de RIB se perd pour l'une des raisons suivantes:

1° violation de la Constitution et d'autres lois;

2º atacyujuje impamvu zashingiweho ashyirwa muri uwo mwanya;

3º manda irangiye;

4º kuba atacyuzuza neza inshingano ze;

5º atagishoboye kuzuza inshingano ze kubera uburwayi bwemejwe n'akanama k'abaganga batatu (3) gashyirwaho na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze;

6º akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6);

7º ahamwe n'icyaha cya jenoside, ingengabitekerezo yayo cyangwa ibindi byaha bifitanye isano na yo;

8º iyo afite imyitwarire inyuranye n'indangagaciro za RIB;

9º yeguye ku bushake bwe;

10º apfuye.

2° if he/she is no longer able to fulfil the requirements considered at the time of his/her appointment;

3° expiry of the term of office;

4° if he/she is no longer able to perform his/her duties;

5° if he/she is no longer able to perform duties due to an illness certified by a committee of three (3) medical doctors appointed by the Minister in charge of health;

6° if he/she is definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months;

7° if he/she is convicted of the crime of genocide, genocide ideology or other related crimes;

8° if he/she behaves in a way incompatible with RIB values;

9° voluntary resignation;

10° death.

2° s'il n'est plus en mesure de remplir les conditions pour lesquelles il avait été nommé;

3° expiration du mandat ;

4° s'il n'est plus en mesure de remplir ses fonctions;

5° s'il n'est plus en mesure de remplir les fonctions pour cause de maladie constatée par une commission de trois (3) médecins nommée par le Ministre ayant la santé dans ses attributions;

6° s'il est condamné définitivement à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois;

7° s'il est reconnu coupable du crime de génocide, d'idéologie du génocide ou d'autres crimes connexes;

8° s'il affiche un comportement incompatible avec les valeurs de RIB;

9° démission volontaire;

10° décès.

**Akiciro ka 2: Ubunyamabanga Bukuru**

**Ingingo ya 19: Abagize Ubunyamabanga Bukuru n'ishyirwaho ryabo**

Ubunyamabanga Bukuru bwa RIB bugizwe n'Umunyamabanga Mukuru n'Umunyamabanga Mukuru wungirije bashyirwaho n'iteka rya Perezida. Iteka rya Perezida rishobora kandi gushyiraho abandi Banyamabanga Bakuru bungirije rikanabagenera inshingano.

Ubunyamabanga Bukuru bugizwe kandi n'Abayobozi Bakuru barimo ufite gucunga imari mu nshingano ze bashyirwaho n'iteka rya Minisitiri w'Intebe rikanabagenera inshingano.

Abandi bakozi bashyirwaho hakurikijwe amategeko abigenga.

**Ingingo ya 20: Manda n'indahiro by'Umunyamabanga Mukuru n'Umunyamabanga Mukuru wungirije**

Umunyamabanga Mukuru n'Umunyamabanga Mukuru wungirije bagira manda y'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa rimwe (1) gusa.

Mbere yo gutangira imirimo yabo, Umunyamabanga Mukuru n'Umunyamabanga Mukuru wungirije barahirira mu ruhame imbere ya Perezida wa Repubulika indahiro iteganywa n'Itegeko Nshinga.

**Sub-section 2: General Secretariat**

**Article 19: Members of the General Secretariat and their appointment**

The General Secretariat of RIB is comprised of the Secretary General and the Deputy Secretary General appointed by a Presidential Order. A Presidential Order may also appoint other Deputy Secretaries General and determine their duties.

The General Secretariat is also composed of Directors General including the Director General in charge of finance appointed by a Prime Minister's Order, which also determines their duties.

Other staff members are appointed in accordance with relevant laws.

**Article 20: Term of office and oath of office of the Secretary General and Deputy Secretary General**

The Secretary General and Deputy Secretary General serve a term of five (5) years renewable only once.

Before assuming their duties, the Secretary General and Deputy Secretary General publicly take, before the President of the Republic, their oath of office provided for by the Constitution.

**Sous-section 2: Secrétariat Général**

**Article 19: Membres du Secrétariat Général et leur nomination**

Le Secrétariat Général de RIB est composé du Secrétaire Général et d'un Secrétaire Général Adjoint nommés par arrêté présidentiel. Un arrêté présidentiel peut également nommer d'autres Secrétaires Généraux Adjoints et déterminer leurs attributions.

Le Secrétariat Général est également composé de Directeurs Généraux, dont le Directeur Général ayant les finances dans ses attributions, nommés par arrêté du Premier Ministre et qui détermine également leurs attributions.

Les autres membres du personnel sont nommés conformément à la législation en la matière.

**Article 20: Mandat et serment du Secrétaire Général et du Secrétaire Général Adjoint**

Le Secrétaire Général et le Secrétaire Général Adjoint ont un mandat de cinq (5) ans renouvelable une seule fois.

Avant d'entrer dans leurs fonctions, le Secrétaire Général et le Secrétaire Général Adjoint prêtent publiquement, devant le Président de la République, le serment prévu par la Constitution.

**Ingingo ya 21: Inshingano z'Ubunyamabanga Bukuru**

Ubunyamabanga Bukuru bwa RIB bufite inshingano zo kuyobora ibikorwa bya RIB hakurikijwe amategeko abigenga.

By'umwihariko, Ubunyamabanga Bukuru bwa RIB bufite inshingano zikurikira:

1º gutunganya no guhuza ishyirwa mu bikorwa rya buri munsi ry'inshingano zose za RIB;

2º gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama Nkuru;

3º gutegura gahunda y'ibikorwa na raporo y'ibikorwa bishyikirizwa inzego zibishinzwe;

4º gushyira mu bikorwa ingengo y'imari ya RIB;

5º gukora indi mirimo yose ijyanye n'inshingano za RIB yasabwa n'Inama Nkuru.

**Ingingo ya 22: Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru**

Umunyamabanga Mukuru wa RIB ashinzwe ibi bikurikira:

1º gukurikirana imirimo ya buri munsi ya RIB;

**Article 21: Responsibilities of the General Secretariat**

The General Secretariat of RIB is responsible for administering activities of RIB in accordance with relevant laws.

In particular, the General Secretariat of RIB has the following responsibilities:

1º to organize and coordinate the daily performance of all responsibilities of RIB;

2º to implement the decisions of the High Council;

3º to prepare an action plan and activity report to be submitted to relevant organs;

4º to ensure the execution of the budget of RIB;

5º to perform any other duties falling within the mission of RIB as may be assigned by the High Council.

**Article 22: Duties of the Secretary General**

The Secretary General of RIB is responsible for the following:

1º to make follow-up on the day-to-day activities of RIB;

**Article 21: Attributions du Secrétariat Général**

Le Secrétariat Général de RIB est chargé de diriger les activités de RIB conformément à la législation en la matière.

En particulier, le Secrétariat Général de RIB a les attributions suivantes:

1º organiser et coordonner la réalisation quotidienne de toutes les attributions de RIB;

2º exécuter les décisions du Haut Conseil;

3º préparer le plan d'action et le rapport d'activités devant être soumis aux organes compétents;

4º assurer l'exécution du budget de RIB;

5º accomplir toutes les autres tâches relevant des missions de RIB qui pourraient être lui assigné par le Haut Conseil.

**Article 22: Attributions du Secrétaire Général**

Le Secrétaire Général de RIB a les attributions suivantes:

1º faire le suivi des activités quotidiennes de RIB;

2º gukurikirana imikoreshereze y'imari, imicungire y'abakozi, ibikoresho n'umutungo bya RIB no gutanga raporo yabyo;

3º guhagararira RIB mu gihugu no mu mahanga;

4º kuba umuvugizi wa RIB;

5º gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama Nkuru ya RIB;

6º gutegura umushinga w'amategeko ngengamikorere ya RIB yemezwa n'Inama Nkuru;

7º kwitabira inama z'Inama Nkuru no kuba umwanditsi wazo;

8º gukora indi mirimo yahabwa n'Inama Nkuru ijyanye n'inshingano za RIB.

**<u>Ingingo ya 23</u>: Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru wungirije**

Umunyamabanga mukuru wungirije wa RIB ashinzwe ibi bikurikira:

1º kunganira Umunyamabanga Mukuru no kumusimbura iyo adahari;

2º guhuza ibikorwa bya buri munsi by'abayobozi bakuru n'abayobozi b'amashami;

2º to make follow-up on the use of RIB finance and management of its staff, equipment and property and submit their report;

3º to represent RIB in the country and abroad;

4º to serve as the spokesperson of RIB;

5º to ensure the implementation of the decisions of RIB High Council;

6º to prepare draft internal rules and regulations of RIB to be approved by the High Council;

7º to attend meetings of the High Council and serve as rapporteur;

8º to perform other duties falling within the mission of RIB as may be assigned to him/her by the High Council.

**<u>Article 23</u>: Duties of the Deputy Secretary General**

The Deputy Secretary General of RIB is responsible for the following:

1º to assist the Secretary General and deputize for him/her in his/her absence;

2º to coordinate the daily activities of Directors General and heads of units;

2º faire le suivi de l'utilisation des finances de RIB et de la gestion de son personnel, de son matériel et de son patrimoine et soumettre un rapport y relatif;

3º représenter RIB dans le pays et à l'étranger ;

4º être le porte-parole de RIB;

5º assurer la mise en œuvre des décisions du Haut Conseil de RIB;

6º élaborer le projet de règlement d'ordre intérieur de RIB pour approbation par le Haut Conseil;

7º participer aux réunions du Haut Conseil et servir de rapporteur;

8º accomplir d'autres tâches relevant des missions de RIB que peut lui confier le Haut Conseil.

**<u>Article 23</u>: Attributions du Secrétaire Général Adjoint**

Le Secrétaire Général Adjoint de RIB a les attributions suivantes:

1º assister le Secrétaire Général et le remplacer en cas d'absence;

2º coordonner les activités quotidiennes des Directeurs Généraux et des directeurs d'unités;

3º gukurikirana iyubahirizwa ry'amategeko agenga RIB n'andi mategeko afite aho ahuriye n'inshingano zayo;

4º gukurikirana itegura ry'imbanzirizamushinga ya gahunda y'ibikorwa na raporo yabyo kugira ngo ishyikirizwe Inama Nkuru;

5º gukora indi mirimo iri mu nshingano za RIB yahabwa n'Inama Nkuru.

**Ingingo ya 24: Ibigenerwa Umunyamabanga Mukuru n'Umunyamabanga Mukuru wungirije**

Ibigenerwa Umunyamabanga Mukuru n'Umunyamabanga Mukuru wungirije bigenwa n'iteka rya Perezida.

**Ingingo ya 25: Kuva ku mirimo**

Umunyamabanga Mukuru n'Umunyamabanga Mukuru Wungirije bava ku mirimo kubera imwe mu mpamvu zikurikira:

1º kutubahiriza Itegeko Nshinga n'andi mategeko;

2º atacyujuje impamvu zashingiweho ashyirwa muri uwo mwanya;

3º manda irangiye;

3º to make follow-up on the respect for laws governing RIB and other laws relating to its mission;

4º to make follow-up on the preparation of the draft proposal of the activity plan and their activity report to be submitted to the High Council;

5º to perform other duties falling within the mission of RIB as may be assigned to him/her by the High Council.

**Article 24: Fringe benefits for the Secretary General and Deputy Secretary General**

Fringe benefits for the Secretary General and Deputy Secretary General are determined by a Presidential Order.

**Article 25: Termination of office**

The Secretary General and Deputy Secretary General cease to hold office on any of the following grounds:

1° violation of the Constitution and other laws;

2° if he/she is no longer able to fulfil the requirements considered at the time of his/her appointment;

3° expiry of the term of office;

3º faire le suivi du respect des lois régissant RIB et d'autres lois relatives à ses missions;

4º faire le suivi de la préparation de l'avant-projet de plan d'activités et leur rapport d'activités devant être transmis au Haut Conseil;

5º accomplir d'autres tâches relatives aux missions de RIB que peut lui confier le Haut Conseil.

**Article 24: Avantages accordés au Secrétaire Général et au Secrétaire Général Adjoint**

Les avantages accordés au Secrétaire Général et au Secrétaire Général Adjoint sont déterminés par arrêté présidentiel.

**Article 25: Cessation de fonctions**

Le Secrétaire Général et le Secrétaire Général Adjoint cessent les fonctions pour l'une des raisons suivantes:

1° violation de la Constitution et d'autres lois;

2° s'il n'est plus en mesure de remplir les conditions pour lesquelles il avait été nommé;

3° expiration du mandat;

4º kuba atacyuzuza neza inshingano ze;

5º atagishoboye kuzuza inshingano ze kubera uburwayi bwemejwe n'akanama k'abaganga batatu (3) gashyirwaho na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze;

6º akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6);

7º ahamwe n'icyaha cya jenoside, ingengabitekerezo yayo cyangwa ibindi byaha bifitanye isano na yo;

8º iyo afite imyitwarire inyuranye n'indangagaciro za RIB;

9º yeguye ku bushake bwe;

10º apfuye.

Abandi bakozi ba RIB bava ku mirimo hakurikijwe sitati yihariye igenga abakozi ba RIB.

**<u>Ingingo ya 26</u>: Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo**

Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ya RIB ishyirwaho n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

4° if he/she is no longer able to perform duties;

5° if he/she is no longer able to perform his/her duties due to an illness certified by a committee of three (3) medical doctors appointed by the Minister in charge of health;

6° if he/she is sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months in a final judgement;

7° if he/she is convicted of the crime of genocide, genocide ideology or other related crimes;

8° if he/she behaves in a way incompatible with RIB values;

9° voluntary resignation;

10° death.

The office of other staff members of RIB is terminated in accordance with the special statute governing the staff of RIB.

**<u>Article 26</u>: Organisational structure**

The organisational structure of RIB is established by a Prime Minister's Order.

4° s'il n'est plus en mesure de remplir les fonctions;

5° s'il n'est plus en mesure de remplir les fonctions pour cause de maladie constatée par une commission de trois (3) médecins nommée par le Ministre ayant la santé dans ses attributions;

6° s'il est condamné définitivement à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois;

7° s'il est reconnu coupable du crime de génocide, d'idéologie du génocide ou d'autres crimes connexes;

8° s'il affiche un comportement incompatible avec les valeurs de RIB;

9° démission volontaire;

10° décès.

Les fonctions des autres membres du personnel de RIB cessent conformément au statut particulier régissant le personnel de RIB.

**<u>Article 26</u>: Structure organisationnelle**

La structure organisationnelle de RIB est établi par arrêté du Premier Ministre.

**Ingingo ya 27: Sitati igenga abakozi ba RIB**

Abakozi ba RIB bagengwa na Sitati yihariye ishyirwaho n'iteka rya Perezida.

**Ingingo ya 28: Umushahara n'ibindi bigenerwa abakozi ba RIB**

Umushahara n'ibindi bigenerwa abakozi ba RIB biteganywa n'iteka rya Perezida.

**Icyiciro cya 2: Imikorere ya RIB n'imikoranire yayo n'izindi nzego**

**Akiciro ka mbere: Imikorere y'Inama Nkuru ya RIB**

**Ingingo 29: Itumizwa n'iterana ry'inama y'Inama Nkuru**

Inama y'Inama Nkuru ya RIB iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo cyangwa Visi-Perezida igihe Perezida adahari. Ishobora kandi guterana mu nama idasanzwe igihe cyose bibaye ngombwa, bisabwe na Perezida wayo cyangwa bisabwe nibura na batatu (3) mu bayigize. Icyo gihe isuzuma gusa ibiteganyijwe ku murongo w'ibyigwa.

Inyandiko itumira igaragaza ibiri ku murongo w'ibyigwa, isaha y'inama n'aho izabera, kandi yohererezwa abagize Inama Nkuru iminsi cumi

**Article 27: Statute governing the staff of RIB**

The staff of RIB are governed by a special statute established by a Presidential Order.

**Article 28: Salaries and fringe benefits for staff members of RIB**

Salaries and fringe benefits for staff members of RIB are determined by a Presidential Order.

**Section 2: Functioning of RIB and its relations with other organs**

**Subsection One: Functioning of the High Council of RIB**

**Article 29: Convening and holding of meetings of the High Council**

The meeting of the High Council of RIB is held once a quarter and whenever necessary upon invitation by its Chairperson or, in his/her absence, by its Deputy Chairperson. The High Council of RIB may also hold an extraordinary meeting whenever necessary upon request by its Chairperson or by at least three (3) of its members. In this case, only items listed on the agenda are considered.

The meeting notice includes items on the agenda, the time and venue of the meeting and is submitted to members of the High Council at least fifteen (15)

**Article 27: Statut régissant le personnel de RIB**

Le personnel de RIB est régi par un statut particulier établi par arrêté présidentiel.

**Article 28: Salaires et avantages accordés aux membres de personnel de RIB**

Les salaires et avantages accordés aux membres du personnel de RIB sont fixés par arrêté présidentiel.

**Section 2: Fonctionnement de RIB et ses relations avec d'autres organes**

**Sous-section première: Fonctionnement du Haut Conseil de RIB**

**Article 29: Convocation et tenue des réunions du Haut Conseil**

La réunion du Haut Conseil de RIB se tient une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son Président ou, en cas d'absence, sur convocation de son Vice-Président. Le Haut Conseil de RIB peut également tenir une réunion extraordinaire chaque fois que de besoin à la demande de son Président ou d'au moins trois (3) de ses membres. Dans ce cas, seuls les points inscrits à l'ordre du jour sont examinés.

L'invitation à la réunion précise les points à l'ordre du jour, l'heure et le lieu de la réunion et est adressée aux membres du Conseil

n'itanu (15) mbere y'uko iterana. Iyo byihutirwa icyo gihe gishobora kugabanywa.

Umubare wa ngombwa kugira ngo inama iterane ni bibiri bya gatatu (2/3) by'abagize Inama Nkuru.

Abagize Inama Nkuru ya RIB ntibemerewe guhagararirwa mu nama zayo.

**Ingingo ya 30: Ifatwa ry'ibyemezo**

Inama y'Inama Nkuru ya RIB ifata ibyemezo ku bwumvikane busesuye. Iyo bidashobotse, ibyemezo bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abahari.

Ibyemezo by'inama y'Inama Nkuru ya RIB bishyirwaho umukono na Perezida n'Umwanditsi wayo.

**Ingingo ya 31: Inyandikomvugo y'inama y'Inama Nkuru**

Inama y'Inama Nkuru ya RIB ikorerwa inyandikomvugo igashyirwaho umukono na Perezida n'Umwanditsi wayo. Inyandikomvugo yohererezwa abagize Inama Nkuru ya RIB bose mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uhereye igihe inama ibereye.

**Ingingo ya 32: Umwanditsi w'inama**

Umunyamabanga Mukuru wa RIB ni we mwanditsi w'inama y'Inama Nkuru.

days before the date of the meeting. However, the time limit may be reduced in case of emergency.

A quorum for a meeting of the High Council to take place is two-thirds (2/3) of its members.

Members of the High Council of RIB are not allowed to be represented to its meetings.

**Article 30: Decision-making**

The meeting of RIB High Council makes decisions by consensus. If not, decisions are made by absolute majority votes of members present.

Decisions of the meeting of RIB High Council are jointly signed by the Chairperson and the Rapporteur.

**Article 31: Minutes of the meeting of the High Council**

Minutes of the meeting of RIB High Council are made and jointly signed by the Chairperson and the Rapporteur. The minutes are transmitted to all members of RIB High Council within a period not exceeding fifteen (15) days from the date of the meeting.

**Article 32: Rapporteur of the meeting**

The Secretary General of RIB serves as the rapporteur of the meeting of the High Council.

d'Administration au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion. Toutefois, ce délai peut être réduit en cas d'urgence.

Le quorum de la réunion du Haut Conseil de RIB est de deux tiers (2/3) de ses membres.

Les membres du Haut Conseil ne sont pas autorisés à se faire représenter à ses réunions.

**Article 30: Prise de décisions**

La réunion du Haut Conseil de RIB prend ses décisions par consensus. A défaut, les décisions sont prises à la majorité absolue des voix des membres présents.

Les décisions de la réunion du Haut Conseil de RIB sont conjointement signées par le Président et le Rapporteur.

**Article 31: Procès-verbal de la réunion du Haut Conseil**

La réunion du Haut Conseil de RIB fait l'objet de procès-verbal signé par le Président et le Rapporteur. Le procès-verbal est transmis à tous les membres du Haut Conseil de RIB dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours de la tenue de réunion.

**Article 32: Rapporteur de la réunion**

Le Secrétaire Général de RIB est le rapporteur du Haut Conseil.

Umunyamabanga Mukuru wa RIB ntajya mu nama zifata ibyemezo ku bibazo bimureba. Icyo gihe abagize inama y'Inama Nkuru bitoramo umwanditsi.

**<u>Akiciro ka 2</u>: Imikorere y'Ubunyamabanga Bukuru bwa RIB**

**<u>Ingingo ya 33</u>: Imikorere y'Ubunyamabanga Bukuru n'uburyo burangiza inshingano zabwo**

Umunyamabanga Mukuru akurikirana kandi agahuza ishyirwa mu bikorwa rya buri munsi ry'inshingano za RIB abifashijwemo n'Umuyamabanga Mukuru Wungirije.

Uburyo abagize Ubunyamabanga Bukuru bashyira mu bikorwa inshingano zabo za buri munsi bigenwa n'amategeko ngengamikorere ya RIB.

**<u>Akiciro ka 3</u>: Imikoranire ya RIB n'izindi nzego**

**<u>Ingingo ya 34</u>: Imikoranire ya RIB n'izindi nzego**

Mu kurangiza inshingano zayo, RIB ikorana n'inzego zishinzwe umutekano, iz'ubutabera n'iz'ubutegetsi mu gihugu no ku rwego mpuzamahanga hagamijwe guhererekanya amakuru, gukurikirana no gufata abakekwaho ibyaha.

The Secretary General of RIB does not participate in meetings that take decisions on matters that concern him/he personally. In that case, members of the High Council elect a rapporteur among themselves.

**<u>Subsection 2</u>: Functioning of the General Secretariat of RIB**

**<u>Article 33</u>: Functioning of the General Secretariat and procedures for the performance of its responsibilities**

The Secretary General, assisted by the Deputy Secretary General, monitors and coordinates the daily performance of the responsibilities of RIB.

Procedures followed by members of the General Secretariat in performing their daily responsibilities are determined by internal rules and regulations of RIB.

**<u>Subsection 3</u>: Relationships between RIB and other organs**

**<u>Article 34</u>: Cooperation between RIB and other organs**

In the accomplishment of its mission, RIB collaborates with security, judicial and administrative organs at national and international levels in order to share information, prosecute and arrest criminal suspects.

Le Secrétaire Général de RIB ne participe pas aux réunions qui prennent les décisions sur des questions qui le concernent personnellement. Dans ce cas, les membres du Haut Conseil élisent un rapporteur parmi eux.

**<u>Sous-section 2</u>: Fonctionnement du Secrétariat Général de RIB**

**<u>Article 33</u>: Fonctionnement du Secrétariat Général et modalités d'accomplissement de ses attributions**

Le Secrétaire Général, assisté par le Secrétaire Général Adjoint, assure le suivi et la coordination de la réalisation quotidienne des attributions de RIB.

Les modalités de mise en œuvre des attributions quotidiennes des membres du Secrétariat Général sont déterminées par le règlement d'ordre intérieur de RIB.

**<u>Sous-section 3</u>: Relations entre RIB et d'autres organes**

**<u>Article 34</u>: Coopération entre RIB et autres organes**

Pour mieux remplir ses missions, RIB collabore avec d'autres organes sécuritaires, judiciaires et administratifs, tant nationaux qu'internationaux en vue d'échange d'informations, de poursuites et d'arrestation des présumés criminels.

**Ingingo ya 35: Amategeko ngengamikorere**

RIB ishyiraho amategeko ngengamikorere yayo. Mu byo ayo mategeko ngengamikorere ateganya harimo imikorere y'inzego za RIB n'imikoranire yayo n'izindi nzego zitavuzwe muri iri tegeko.

**UMUTWE WA IV: UMUTUNGO N'IMARI BYA RIB**

**Ingingo ya 36: Umutungo wa RIB n'inkomoko yawo**

Umutungo wa RIB ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.

Umutungo wa RIB ukomoka kuri ibi bikurikira:

1º ingengo y'imari igenerwa na Leta;
2º inkunga zaba iza Leta cyangwa iz'abafatanyabikorwa;
3º inguzanyo zihabwa RIB zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze;
4º impano n'indagano.

**Ingingo ya 37: Ingengo y'Imari ya RIB**

RIB itegura imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari yayo ya buri mwaka, ikemezwa n'Urwego rubifitiye ububasha.

**Article 35: Internal rules and regulations**

RIB establishes its internal rules and regulations. Provisions of the internal rules and regulations include the functioning of the organs of RIB and its collaboration with other institutions which are not provided for under this Law.

**CHAPTER IV: PROPERTY AND FINANCE OF RIB**

**Article 36: Property of RIB and its sources**

The property of RIB is comprised of movable and immovable assets.

The property of RIB derives from the following sources:

1º State budget allocations;
2º State or partners' subsidies;
3º loans granted to RIB as approved by the Minister in charge of finance;
4º donations and bequests.

**Article 37: Budget of RIB**

RIB prepares its annual draft budget proposal which is approved by the relevant authority.

**Article 35: Règlement d'ordre intérieur**

RIB établit son règlement d'ordre intérieur. Parmi les dispositions du règlement d'ordre intérieur figurent le fonctionnement des organes de RIB et sa collaboration avec d'autres institutions qui ne sont pas prévues par la présente loi.

**CHAPITRE IV: PATRIMOINE ET FINANCES DE RIB**

**Article 36: Patrimoine de RIB et ses sources**

Le patrimoine de RIB est composé des biens meubles et immeubles.

Le patrimoine de RIB provient des sources suivantes:

1º les dotations budgétaires de l'Etat;
2º les subventions de l'Etat ou des partenaires;
3º les prêts accordés à RIB approuvés par le Ministre ayant les finances dans ses attributions;
4º les dons et legs.

**Article 37: Budget de RIB**

RIB prépare l'avant-projet de son budget annuel qui est approuvé par l'autorité compétente.

**<u>Ingingo ya 38</u>: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'imari n'umutungo**

Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'imari n'umutungo bya RIB bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Ubugenzuzi bwite bwa RIB buha raporo Inama Nkuru ya RIB, bukagenera kopi Umunyamabanga Mukuru wa RIB.

Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta agenzura imicungire n'imikoreshereze by'imari n'umutungo bya RIB.

Ibikoresho byashyizwe mu bigirirwa ibanga bijyanye no kurinda umutekano w'igihugu n'uburyo bikorerwa ubugenzuzi bigenwa n'iteka rya Perezida.

**<u>UMUTWE WA V</u>: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**<u>Ingingo ya 39</u>: Agaciro k'ibikorwa by'ubugenzacyaha byakozwe**

Ibikorwa by'ubugenzacyaha byose byakozwe n'abagenzacyaha babarizwaga muri Polisi y'u Rwanda bigumana agaciro kabyo.

**<u>Ingingo ya 40</u>: Iyimurwa ry'abakozi n'umutungo**

Uburyo abakozi n'umutungo byari muri Polisi y'u Rwanda bijyanye n'ubugenzacyaha byimurirwa muri RIB bigenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

**<u>Article 38</u>: Use, management and audit of the property of RIB**

The use, management and audit of RIB property is carried out in accordance with relevant laws.

The internal audit service of RIB submits its report to the RIB High Council with a copy to the Secretary General of RIB.

The Auditor General of State Finances carries out the audit of the management and use of the finance and property of RIB.

Materials and equipment classified confidential for the sake of national security and modalities for conducting their audit are determined by a Presidential Order.

**<u>CHAPTER V</u>: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**<u>Article 39</u>: Validity of actions undertaken by judicial police**

All judicial police activities undertaken by former judicial police officers of Rwanda National Police remain valid.

**<u>Article 40</u>: Transfer of staff and property**

Procedures for the transfer of staff and property in connection with judicial police formerly under

**<u>Article 38</u>: Utilisation, gestion et audit du patrimoine de RIB**

L'utilisation, la gestion et l'audit du patrimoine de RIB sont effectués conformément à la législation en la matière.

Le service d'audit interne de RIB transmet son rapport au Haut Conseil de RIB et en réserve copie au Secrétaire Général de RIB.

L'Auditeur Général des Finances de l'Etat effectue l'audit de la gestion et de l'utilisation des finances et du patrimoine de RIB.

Les matériels et équipements classés confidentiels pour des raisons de sécurité nationale et les modalités de réalisation de leur audit sont déterminés par arrêté présidentiel.

**<u>CHAPITRE V</u>: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**

**<u>Article 39</u>: Validité d'actes posés par la police judiciaire**

Tous les actes de la police judiciaire posés par les anciens officiers de police judiciaire de la Police Nationale du Rwanda restent valables.

**<u>Article 40</u>: Transfert du personnel et du patrimoine**

Les modalités de transfert du personnel et du patrimoine en rapport avec la police judiciaire anciennement placés sous la responsabilité de la

Rwanda National Police's responsibility are determined by a Prime Minister's Order.

Police Nationale du Rwanda sont déterminées par arrêté du Premier Ministre.

**Ingingo ya 41: Igihe cy'inzibacyuho**

Inzego n'ibigo bya Leta birebwa n'iri tegeko bihawe igihe kitarenze umwaka umwe (1) ngo bibe byubahirije ibiteganyijwe n'iri tegeko uhereye igihe ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**Article 41: Transitional period**

Public organs and institutions to which this Law applies have a time limit of one (1) year from the publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda for complying with the provisions of this Law.

**Article 41: Période transitoire**

Les organes et institutions publics auxquels s'applique la présente loi disposent d'un délai d'un (1) an à compter de la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda pour se conformer aux dispositions de la présente loi.

**Ingingo ya 42: Iyubahirizwa ry'amasezerano y'ubufatanye arebana n'ubugenzacyaha**

Amasezerano yose y'ubufatanye n'imikoranire arebana n'ubugenzacyaha Polisi y'u Rwanda yagiranye n'inzego ndetse n'imiryango ku rwego rw'igihugu no ku rwego mpuzamahanga ajyanye no gukumira, kurwanya no kugenza ibyaha akomeza kubahirizwa na RIB.

**Article 42: Respect for judicial police cooperation agreements**

All judicial police cooperation agreements concluded between Rwanda National Police and organs and organisations at the national and international levels in connection with crime prevention, control and investigation continue to be respected by RIB.

**Article 42: Respect des accords de coopération en matière de police judiciaire**

Tous les accords de coopération en matière de police judiciaire conclus entre la Police Nationale du Rwanda et les organes et organismes tant nationaux qu'internationaux en matière de prévention des crimes, de lutte contre les crimes et d'enquêtes des crimes continuent à être respectés par RIB.

**Ingingo ya 43: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Article 43: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

**Article 43: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en kinyarwanda.

**Ingingo ya 44: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Article 44: Repealing provision**

All prior legal provisions contrary to this Law are repealed.

**Article 44: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**<u>Ingingo ya 45</u>: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 07/04/2017

(sé)
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

(sé)
**MUREKEZI Anastase**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**<u>Article 45</u>: Commencement**

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 07/04/2017

(sé)
**KAGAME Paul**
President of the Republic

(sé)
**MUREKEZI Anastase**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

**<u>Article 45</u>: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 07/04/2017

(sé)
**KAGAME Paul**
Président de la République

(sé)
**MUREKEZI Anastase**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux